IFISHI ITANGIRWAHO IBISOBANURO BIGENEWE ABAGENERWABIKORWA N'ABARWAZA

UBURENGANZIRA BUTANGA UBUBASHA BWO GUKORESHA RYIHUTIRWA (EUA) RY' URUKINGO RWA PFIZER-BIONTECH COVID-19 KUGIRA NGO UKINGIRE INDWARA YA CORONAVIRUS 2019 (COVID-19) KU BANTU BAFITE IMYAKA 16 N'ABAYIRENGEJE

Urimo urahabwa urukingo rwa Pfizer-BioNTech COVID-19 kugira ngo ukingirwe Indwara ya Coronavirus 2019 (COVID-19) iterwa na SARS-CoV-2. Iyi Fishi Itangirwaho Ibisobanuro ikubiyemo amakuru agamije kugusobanurira ibyago n'ibyiza byaterwa n'urukingo rwa Pfizer- BioNTech COVID-19, ushobora guhabwa kubera ko magingo aya hariho icyorezo cya COVID-19.

Urukingo rwa Pfizer-BioNTech COVID-19 rushobora gukumira COVID-19 ntigufate. Nta rukingo rwemewe n'Ubuyobozi bw'Ikigo cya Leta Zunze Ubumwe z'Amarika Gishinzwe Kugenzura Ubuziranenge bw'Ibiribwa n'Imiti (FDA) rukumira COVID-19.

Soma iyi Fishi Itangirwaho Ibisobanuro kugira ngo umenye amakuru yerekeranye n'Urukingo rwa Pfizer-BioNTech COVID-19. Vugana n'utanga urwo rukingo niba hari ibibazo ufite wifuza gusobanuza. Ni wowe wihitiramo guhabwa urukingo rwa Pfizer-BioNTech COVID-19.

Urukingo rwa Pfizer-BioNTech COVID-19 ruterwa ubugira 2-kugira ngo igipimo cyuzure, hagati ya doze ya mbere n'iya kabiri hacamo ibyumweru 3, barutera mu mutsi.

Urukiko rwa Pfizer-BioNTech COVID-19 ntirukingira buri wese.

Iyi Fishi Itangirwaho Ibisobanuro ishobora kuba yaravuguruwe. Niba ushaka gusoma Ifishi Itangirwaho Ibisobanuro iheruka, nyamuneka soma ku rubuga www.cvdvaccine.com.

ICYO UKENEYE KUMENYA MBERE YO GUHABWA URU

RUKINGO? COVID-19 NI IKI?

COVID-19 ni indwara iterwa na coronavirus yitwa SARS-CoV-2. Ubu bwoko bwa coronavirus ntibwigeze buboneka mbere. Ushobora kwandura COVID-19 uhuye n'undi muntu ufite iyo virusi. Ni indwara ifata ahanini inzira z'ubuhumekero ikaba ishobora no gufata izindi ngingo z'umubiri. Abantu bafite COVID-19 bagaragaza ibimenyetso byinshi by'indwara byamenyeshejwe, guhera ku bimenyetso byoroheje kugera ku ndwara zikaze. Ibimenyetso bishobora kugaragara kuva ku minsi 2 kugeza kuri 14 uhuye n'iyo virusi. Muri ibyo bimenyetso harimo: umuriro cyangwa gutengurwa; inkorora; umwuka muke; umunaniro; kuribwa mu mitsi cyangwa mu mubiri; umutwe; gutangira kutumva icyanga cyangwa impumuro; kubabara mu muhogo; gufungana amazuru cyangwa kuzana ibimyira; isesemi cyangwa kuruka; guhitwa.

URUKINGO RWA PFIZER-BIONTECH COVID-19 NI IKI?

Urukingo rwa Pfizer-BioNTech COVID-19 ni urukingo rutaremerwa rukumira COVID-19. Nta rukingo ruremerwa na FDA-rukumira COVID-19.

FDA yatanze uburenganzira bwo gukoresha byihutirwa urukingo rwa Pfizer-BioNTech COVID-19 rukingira COVID-19 mu bantu bafite imyaka 16 n'abayirengeje hakurijwe Uburenganzira bwo Kurukoresha Byihutirwa (EUA).

Niba ukeneye amakuru arambuye ku Burenganzira bwo Kurukoresha Byihutirwa, soma "**Icyo Uburenganzira bwo Kurukoresha Byihutirwa Icyo ari cyo (EUA)?**" mu gice cyo ku musozo w'iyi Fishi yo Gutangirwaho Ibisobanuro.

NI IKI UGOMBA KUBWIRA UGUTERA URUKINGO MBERE Y'UKO UHABWA URUKINGO RWA PFIZER-BIONTECH COVID-19?
Bwira ugutera urukingo indwara urwara, harimo n'igihe waba:

- ufite ubwivumbure bw'umubiri ubwo ari bwo bwose
- ufite umuriro
- ufite indwara yo kuvura kw'amaraso cyangwa ufata umuti ubuza amaraso kuvura
- ufite ikibazo cy'ubwirinzi bw'umubiri cyangwa uri ku miti igira inkurikizi ku bwirinzi bw'umubiri
- utwite cyangwa ufite gahunda yo gusama vuba
- wonsa
- warahawe urundi rukingo rukingira COVID-19

NI NDE USHOBORA GUTERWA URUKINGO RWA PFIZER-BIONTECH COVID-19 VACCINE?
FDA yatanze uburenganzira bwo gukoresha byihutirwa urukingo rwa Pfizer-BioNTech COVID-19 ku bantu bafite imyaka 16 n'abayirengeje.

NI NDE <u>UTAGOMBA</u> GUTERWA URUKINGO RWA PFIZER-BIONTECH COVID-19?
Ntugomba guterwa urukingo rwa Pfizer-BioNTech COVID-19 niba:

- niba waragize ubwivumbure bukaze nyuma yo guterwa dose ya mbere y'urwo rukingo
- waragize ubwivumbure bukaze kuri kimwe mu bigize uru rukingo.

NI IBIKI BIGIZE URUKINGO RWA PFIZER-BIONTECH COVID-19?Urukingo rwa Pfizer-BioNTech COVID-19 rugizwe n'ibi bintu bikurikira: mRNA, lipids ((4-hydroxybutyl)azanediyl)bis(hexane-6, 1-diyl)bis(2-hexyldecanoate), 2 [(polyethylene glycol)-2000]-N, N-ditetradecylacetamide, 1, 2-Distearoyl-sn- glycero-3-phosphocholine, and cholesterol), potassium chloride, monobasic potassium phosphate, sodium chloride, dibasic sodium phosphate dihydrate, na sucrose.

URUKINGO RWA PFIZER-BIONTECH COVID-19 RUTANGWA GUTE?
Urukingo rwa Pfizer-BioNTech COVID-19 ruterwa nk'urushinge mu mutsi.

Urukingo rwa Pfizer-BioNTech COVID-19 rutangwa inshuro 2 hagati ya doze ya mbere n'iya kabiri hacamo ibyumweru 3.

Nimba uhawe doze imwe y'urukingo rwa Pfizer-BioNTech COVID-19, ugomba guhabwa doze ya kabiri y'uru rukingo nyuma y'ibyumweru 3 kugira ngo wuzuze inshuro z'urukingo.

MBESE PFIZER-BIONTECH COVID-19 YIGEZE IKORESHWA MBERE?
Urukingo rwa Pfizer-BioNTech COVID-19 ni urukingo rutaremerwa. Mu igeragezwa ry'uru rukingo, abantu bagera kuri 20,000 bafite imyaka 16 n'abayirengeje batewe byibura doze 1 y'urukingo rwa Pfizer-BioNTech COVID-19.

NI IBIHE BYIZA BY'URUKINGO RWA PFIZER-BIONTECH COVID-19?
Mu igerageza ryarwo, Urukingo rwa Pfizer-BioNTech COVID-19 rwerekanye ko rukingira COVID-19 nyuma yo guterwa doze 2 hagati ya doze yambere n'iya kabiri hagacamo ibyumweru 3. Igihe ubwirinzi butangwa n'urukingo rwa COVID-19 bumara mu mubiri magingo aya ntiburamenyekana.

NI IBIHE BYAGO BISHOBORA GUTERWA N'URUKINGO RWA PFIZER-BIONTECH COVID-19?
Ingaruka ku mubiri z'urukingo rwa Pfizer-BioNTech COVID-19 zamenyeshejwe ni:

- ububabare bw'aho rutewe ku mubiri
- umunaniro
- kurwara umutwe
- kuribwa mu mitsi
- gutengurwa
- kuribwa mu ngingo
- umuriro
- kubyimbirwa ku mubiri aho baruteye
- guhishira ku mubiri aho baruteye
- isesemi
- kumva utameze neza
- kuzana intobo mu mubiri zigahishira (indwara y'imvubura)

Hariho gukeka ko amaherezo urukingo rwa Pfizer-BioNTech COVID-19 rwazateza ubwivumbure bukaze bw'umubiri. Ubwivumbure bukaze bw'umubiri akenshi bwabaho nyuma y'iminota mike bikaba byagera no ku isaha umaze guterwa doze y'Urukingo rwa Pfizer-BioNTech COVID-19. Ibimenyetso by'ubwivumbure bukaze bw'umubiri ni:

- Guhumeka bigoranye
- Kubyimba mu maso n'umuhogo
- Gutera vuba k'umutima
- Gusesa ibiheri ku mubiri bigahishira
- Kuzungerezwa no gucika intege

Zishobora kuba atari izo ngaruka zonyine zishoboka z'urukingo rwa Pfizer-BioNTech COVID-19. Ingaruka zikomeye kandi zitunguranye zishobora kubaho. Urukingo rwa Pfizer-BioNTech COVID-19 ruracyakomeza kwigwaho mu igeragezwa ryarwo.

NI IKI NAKORA KU NGARUKA Z'URWO RUKINGO?
Niba uhuye n'ubwivumbure bukaze bw'umubiri, **terefona 9-1-1**, cyangwa ujye ku bitaro bikwegereye.

Terefona uwaguteye urukingo cyangwa umukozi utanga serivisi z'ubuvuzi niba hari ingaruka zikubayeho zikubangamiye cyangwa zidashira ngo zigende.

Menyesha ingaruka wagize uciye muri Sistemu yashyizweho Inyuzwamo Ubutumwa Bumenyesha Ingaruka Mbi z'Urukingo bita **FDA/CDC Vaccine Adverse Event Reporting System (VAERS)** Nomero y'umurongo wa terefone ya VAERS baterefona ku buntu ni 1-800-822-7967 cyangwa ubamenyeshe uciye kuri murandasi ku rubuga rwa https://vaers.hhs.gov/reportevent.html.

Nyamuneka mu butumwa wohereza ushyiremo aya magambo “Pfizer-BioNTech COVID-19 Vaccine EUA” mu kazu ko ku murongo wa mbere #18 ku ifishi yifashishwa mu kumenyesha.

Byongeye, ushobora kumenyesha ingaruka z'urwo rukingo sosiyete ya Pfizer Inc. kuri aderesi y'aho ibarizwa ikurikira.

Urubuga rwo kuri murandasi	Nomero ya fagisi	Nomero ya terefoni
www.pfizersafetyreporting.com	1-866-635-8337	1-800-438-1985

BIGENDA GUTE NDAMUTSE MFASHE ICYEMEZO CYO KUDATERWA URUKINGO RWA THE PFIZER-BIONTECH COVID-19?
Ni amahitamo yawe guhabwa cyangwa kudahabwa urukingo rwa Pfizer-BioNTech COVID-19. Ushobora gufata icyemezo cyo kudahabwa urukingo, kandi ntacyo bizahindura ku buvuzi usanzwe uhabwa bwita ku magara yawe.

HABA HARI ANDI MAHITAMO AHARI YO GUKINGIRA COVID-19 URETSE URUKINGO RWA PFIZER- BIONTECH COVID-19?
Magingo aya, nta rundi rukingo rwemewe rusimbura urwo rukingira COVID-19. FDA ishobora kwemera mu buryo bwihutirwa ikoreshwa rw'izindi nkingo zikingira COVID-19.

MBESE NSHOBORA GUHABWA URUKINGO RWA PFIZER-BIONTECH COVID-19 NKARUBANGIKANYA N'IZINDI NKINGO?
Nta makuru ahari y'ikoreshwa ry'urukingo rwa Pfizer-BioNTech COVID-19 rubangikanyijwe n'izindi nkingo.

BIGENDA BITE NIBA NTWITE CYANGWA NONSA?
Niba utwite cyangwa wonsa, ganira ku mahitamo wakora n'umukozi uguha serivisi z'ubuvuzi.

MBESE URUKINGO RWA PFIZER-BIONTECH COVID-19 RUZANTERA COVID-19?
Oya. Mu Rukingo rwa Pfizer-BioNTech COVID-19 nta SARS-CoV-2 irimo kandi ntirushobora kugutera COVID-19.

BIKA NEZA IKARITA YAWE YO KWIKINGIZA
Nuhabwa doze ya mbere, bazaguha ikarita yo kwikingiza ugomba kwerekana ugarutse gufata doze ya kabiri y'urukingo rwa Pfizer-BioNTech COVID-19. **Wibuke kwitwaza iyo karita yawe igihe ugarutse.**

AMAKURU Y'INYONGERA

Niba ufite ibibazo wifuza gusobanuza, sura urubuga rwo kuri murandasi rukurikira cyangwa uhamagare nomero ya terefoni ikurikira. Kugira ngo usome Ifishi Itangirwaho Ibisobanuro iheruka gusohoka vuba, nyamuneka sikana kode ya QR ikurikira.

Urubuga rusange rwo kuri murandasi	Nomero ya terefoni
www.cvdvaccine.com	1-877-829-2619 (1-877-VAX-CO19)

NAMENYA GUTE ANDI MAKURU?

- Baza umukozi utanga urukingo.
- Sura urubuga rwa CDC ari rwo https://www.cdc.gov/coronavirus/2019-ncov/index.html.
- Sura urubuga rwa FDA ari rwo https://www.fda.gov/emergency-preparedness-and-response/ mcm-legal-regulatory-and-policy-framework/emergency-use-authorization.
- Terefona ku Ishami Rishinzwe Ubuzima bw'Abaturage rikwegereye cyangwa iryo ku rwego rwa Leta.

AMAKURU YANJYE YEREKERANYE N'URUKINGO ABIKWA HE?

Umukozi utanga urukingo ashobora gushyira amakuru yawe yerekeranye n'urukingo wahawe muri Sisitemu ya Leta/yo ku rwego rw'Ibanze utuyemo Ishyirwamo Amakuru Arebana n'Inkingo (IIS) cyangwa indi sisitemu yashyizweho. Ibi bizakumara amakenga ko uzahabwa urwo rukingo nugaruka guterwa doze ya kabiri. Ukeneye andi makuru arebana n'iyo sisitemu ya IISs sura urubuga rwo kuri murandasi rwa: https://www.cdc.gov/vaccines/programs/iis/about.html.

POROGARAMU YEMERA GUTANGA INDISHYI KU BIKOMERE BITATEGANYIJWE NI IKI?

Porogaramu Yemera Gutanga Indishyi ku Bikomere Bitateganyijwe (CICP) ni porogaramu y'igihugu ishobora gufasha kwishyura ikiguzi usabwa mu kwivuza n'andi mafaranga yihariye usabwa kwishyura abantu bamwe na bamwe batewe ibikomere bikomeye n'imiti imwe n'imwe cyangwa inkingo zimwe na zimwe, n'uru rukingo rurimo. Muri rusange, ikirego gishyikirizwa CICP mu gihe kitarenze umwaka umwe (1) uhereye ku itariki waherewehe urukingo. Kugira ngo umenye andi makuru yerekeranye n'iyi porogaramu, sura urubuga rwo kuri murandasi ari rwo www.hrsa.gov/cicp/ cyangwa uhamagare 1-855-266-2427.

UBURENGANZIRA BUTANGA UBUBASHA BWO GUKORESHA URUKINGO KU BURYO BWIHUTIRWA (EUA) NI IKI?

IKigo cya Leta Zunze Ubumwe z'Amerika Gisuzuma Ubuziranenge bw'Ibiribwa n'Imiti bita FDA cyemereye urukingo rwa Pfizer-BioNTech COVID-19 gukoreshwa byihutirwa mu buryo bwitwa EUA. EUA ishyigikiwe n'itangazo rya Minisitiri w'Ubuzima na Serivisi z'Imibereho Myiza y'Abantu (HHS) ko uko ibintu bimeze bisobanura ikoreshwa ryihutirwa ry'imiti ivura n'imiti nyabuzima muri iki gihe cy'icyorezo cya COVID-19.

Urukingo rwa Pfizer-BioNTech COVID-19 ntirwakurikije inzira zisanzwe z'isuzuma ry'imiti yemerwa na FDA-cyangwa imiti yasuzumwe ikemererwa. FDA ishobora gutanga ububasha bwa EUA iyo hari ibisabwa byuzuye, birimo ko nta miti isimbura uwo ikwiye, yemewe, ihari.

Byongeye, icyemezo cya FDA gishingiye ku buhamya bugaragara bw'abahanga uko bose bakabaye buhari bwerekana ko uwo muti ukora koko ukumira COVID-19 muri iki cyorezo cya COVID-19 kandi ko inyungu zizwi kandi zikomeye z'uwo muti zisumba ibyago bizwi by'ingenzi uwo muti watera. Ibi byose bisabwa byemerera uwo muti gukoreshwa nk'umuti mu kuvura abarwayi muri iki gihe cy'icyorezo cya COVID-19.

Ububasha bwa EUA bwo gukoresha urukingo rwa Pfizer-BioNTech COVID-19 bwatangiye kubahirizwa muri iki gihe cy'itangazo rya COVID-19 EUA risobanura ikoreshwa ryihutirwa ry'iyi miti, keretse risheshwe cyangwa rigakurwaho (nyuma y'uko iyo miti iba itagishobora gukoreshwa).

Wakozwe na
Pfizer Inc., New York, NY 10017

Wakorewe
BioNTech Manufacturing GmbH
An der Goldgrube 12
55131 Mainz, Germany

LAB-1451-1.0

Yavuguruwe: Ukuboza 2020

Scan to capture that this Fact Sheet was provided to vaccine recipient for the electronic medical records/immunization information systems.

Barcode Date: 12/2020